REPUBLIQUE RUANDAISE
PERFECTURE DE KIBUNGU

Kibungu, le 18/12/1961.-

KIBUNGO
49

OBJET:

Affaire RUTAVUKA.

Kuri NZESA MARC

Bourgmestre suppléant de la
commune de Murambi.

Bourgmestre suppléant;

Uyu muhungu Rutavuka Michel, arasaba inka za se Kayijuka niza sewabo Karangwa, bahungiye ahantu atazi, ariko izo nkazabo ziraho. Akifuza ko wazimushakira zose, ukazimuha ukamuteza igikumwe, kugirango atazatera amahane. Kandi ngo yifuza kuzijyana Bgeya naho wabimwemerera.

Pour le Préfet émpêché
Le Sous-préfet KANYANGOGA.T.

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIBUNGU

Kibungu, le 25 novembre 1961.-

---

<u>Objet:</u> Affaire Gatari.-

---

Kuri MPABANZI - Bourgmestre
wa Commune

<u>NYARUBUYE.-</u>

Bourgmestre,

Maze kubona uyu mugabo numvise ibyo ambwiye nsaby'igisobanuro cy'ibi :

- Bourgmestre yemerewe kuvanah'ubwe umujyanama watowe n'abaturage ? biri muyahe mategeko ?
- Bourgmestre yemerewe gukubita [illegible] abaturage inshyi n'imigeri? cyangwa nib'umuturage akoze nabi aramufata bakamucira urubanza rukwiriye icyo yakoze.

Ngusabye kunsobanulira ibya Bwana Gatarika Noël kuko ababaye cyane - kandi agomba gusubira mubye hagiz'ikimubaho uzi uko uzabisobanura wowe ubwawe.

Imana ikurinde.

LE SOUS-PREFET, KANYANGOGA Thomas.-